

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Mutuelle de Sante ya Kaminuza y'u Rwanda (MIS/UR), iramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, ko ishaka kugurisha mu cyamunara, ibikoresho bigizwe ahanini n'ibyo mu biro birimo (Mudasobwa, Printers, Scanners, Ameza, Intebe, Etagere, Umutamenwa n'ibindi).

Ibyo bikoresho biherereye aho MIS/UR ikorera, i Kigali/UR Remera Campus n'i Huye iruhande rw'ikigo Nderabuzima cya CUSP; kandi urutonde rwabyo ruboneka ku rubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (<https://www.ur.ac.rw>).

Cyamunara izakorwa biciye mu buryo bw'ipiganwa hakoreshejwe amabahasha afunze.

Gusura ibyo bikoresho aho biherereye yaba i Kigali cyangwa i Huye biteganyijwe mu minsi y'akazi guhera kuwa **Mbere tariki ya 28/09/2026 kugeza kuwa mbere tariki ya 5/10/2026**, guhera sa yine z'igitondo (10:00AM) kugeza saa kumi z'umugoroba (16:00PM).

Gusoza gutanga amabahasha afunze neza biteganyijwe kuwa **mbere tariki ya 12/10/2026 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17:00PM)**. Amabahasha afunze neza, yandikiwe Ubuyobozi bukuru wa MIS/UR; agaragaza aho ibyo yapiganiye bibarizwa (Kigali cyangwa Huye) azatangwa ku cyicaro cya MIS/UR i Kigali cyangwa i Huye.

Gufungura amabahasha biteganyijwe ku matariki akurikira:

- I Huye, ni kuwa Mbere tariki ya 12/10/2026 saa kumi n'imwe z'umugoroba.



**Medical Insurance Scheme of University of Rwanda**  
**Mutuelle de Santé de l'Université du Rwanda**

- Naho i Kigali, ni kuwa Gatanu tariki ya 16/10/2026 saa Tanu z'igitondo.

Abatsindiye ibikoresho bazabimenyeshwa bitarenze tariki ya 15/10/2026 i Huye na tariki 19/10/2026 i Kigali binyuze kuri aderesi batanze mu mabahasha (email, Telephone).

Abifuza ibindi bisobanuro birambuye bigendanye n'iyi cyamunara, barasabwa gusura urubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website) ari rwo: <https://www.ur.ac.rw> banyuze ahanditse "Announcements".

Murakoze.

Bikorewe i Kigali kuwa 24 Nzeri 2026

Mrs. Alexia KANEZA

Umuyobozi Mukuru wa MIS/UR



CMHS/Remera

Tel : 0783824402

Email: [misur2001@gmail.com](mailto:misur2001@gmail.com)  
[info@mis.ur.ac.rw](mailto:info@mis.ur.ac.rw)

[www.mis.ur.ac.rw](http://www.mis.ur.ac.rw)